



ACCESS ni gahunda ifasha abanyeshuri kwiga icyongereza

(ELL): Ibibazo ababyeyi benshi ndetse n'abahagarariye abanyeshuri bakunze kwibaza

Gahunda ya ACCESS for ELL isobanura iki?

“ACCESS for ELL” n’ ikizamini cy'ubumenyi bw’ icyongogereza. Gitangwa n’ikigo kidaharanira inyungu cyitwa WIDA, gifite icyicaro muri kaminuza ya Wisconsin. ACCESS for ELL, igenzura ubumenyi bw’ abanyeshuri biga icyongereza munzego enye arizo: kumva, kuvuga, gusoma ndetse no kwandika.

Kubera iki umwana wanjye agomba gukora ikizamini cya ACCESS for ELL ?

Kuba umunyeshuri wiga icyongereza bisobanura (ELL) kwiga neza murwego ruhanitse. Iki kigo gifasha abanyeshuri n’ abarimu babo kumenya vuba kandi neza urwego bariho n'ubufasha bakeneye. Urugero, niba umunyeshuri abonye amanota meza ku kizamini kubyiciro twavuze hejuru, ariko ntabone amanota meza mukizamini cyo kwandika, icyo gihe umwarimu akora ibishoboka byose kugira ngo afashe umunyeshuri kongera ubumenyi mubyerekeye kwandika.

Amategeko y'abanyamerika aharanira uburengazira bwabaturage n'abiga icyongereza atanga uburenganzira ku banyeshuri nuko bagomba gufashwa kwiga icyongereza mu mashuri. Kandi amategeko ya Amerika muri rusange n’ ay’ akarere ategereye ko buri mwaka habaho ibizamini bakareba ko abanyeshuri bakeneye ubafasha kandi bashobora kwiga icyongereza vuba bishoboka.

Bifata igihe kingana iki kugira ngo umwana wanjye agire ubumenyi buhagije bw'icyongereza?

Kumenya icyongereza cyo mu nzego z'amashuri bitwara hagati y' imyaka ine n' irindwi. Abana biga icyongereza bakiri bato biraborohera kandi bikanihuta kuruta abana bakuru. Iyo umunyeshuri yagiye ahagarika amashuri, cyangwa se agira ibibazo zidasanzwe mu myigire ye, haba hakenewe umwana uhagije wo kumufasha. Ababyeyi bamwe batekereza ko kuvugisha abana babo icyongereza gusa mu rugo iwabo bibafasha kumenya icyongereza vuba, ariko abana bavugaga neza imvugo z'akavukire mu mago yabo bamenya neza biboroheye icyongereza kandi bakanakora neza ku ishuli muri rusange. Ubufasha umwana ahabwa ku ishuli bufite akamaro cyane. Ugomba kubaza ku ishuli uko bafasha umwana wawe. Amashuri yishimira kumva no kumenya icyo ababyeyi b'umwana batekereza kandi bifuzaga gukorana nabo mu gushyira hamwe ingamba zo gufasha umwana wawe.

Ugomba kumenya neza ko umwana asobanukiwe ko ntagutsindwa no gutsinda iyo akora iki kizamini cya ACCESS for ELL. Amanoto abona amufasha kumenya neza urwego agezeho

munzira zo kwiga icyongereza, ntabwo basuzuma uko ubwenge bwe bungana.

Mbese haba hari ingaruka mbi mugihe umunyeshuri arimo gukora ikizamini cya ACCESS for ELL?

Oya, ntangaruka ihari. Imiryango ifite abana biga icyongereza itekereza ko ubutegetsu bushobora kubona imyirondoro yabo mugihe barimo gukora icyo kizamini. Ariko amashuri abarwa kimwe nk' ahantu ntavogerwa kandi hitonderwa, nk' insengeru n' ibitaro, kandi reta ntabwo ifatira abantu ku mashuri. Ariko kugira ngo wumve ko uri mu mutekano mugihe umwana arimo gukora ikizamini cya ACCESS for ELL, wamenya ko atari ngombwa ko mubwira ubuyobozi bw'ishuri ibyerekeranye n' imiturire yanyu ndetse n' ubusabane mufitanye n' ibiro bishinzwe abinjira n' abasohoka (ICE). Abanyeshuri bose batuye muri Amerika bafite uburenganzira bwo kujya ku ishuri n'ubwo bataba bafite uburenganzira bubemerera kuba mu gihugu.

Amashuri ntabwo agomba kwangira abana kwiyandikisha kuko badafite ibyangombwa bibahesha uburenganzira bwo kuba mu gihugu, cyangwa se ngo bange kwakira icyemezo cy' amavuko, cyangwa ngo bange kwandika abana kuko ababyeyi banze kugaragaza ibyangombwa biriho numero zibaranga (social security numbers), cyangwa kubera ubwoko bwabo.

Niba ufite ikibazo kijyanye n'uru rwandiko wahamagara April Perkins, ushinze ESOL kuri (207) 624-6627 cyangwa kumwandikira kuri: april.perkins@maine.gov.